Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w.Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 11 RYO
KUWA 07/09/2010 RIGENA UBURYO
N' IBISABWA MU KWANDIKISHA
AMASENDIKA CYANGWA
AMASHYIRAHAMWE
Y' ABAKORESHA

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamiye

Ingingo ya 2: Uburyo iyandikisha rikorwa

Ingingo ya 3 : Ibisabwa mu kwiandikisha

Ingingo ya 4: Ibikubiye mu mategeko
shingiro

Ingingo ya 5: Igihe kwiandikisha bimara

Ingingo ya 6: Ukutubahiriza ibyahinduwe
mu mategeko shingiro

Ingingo ya 7: Gutangaza amategeko
shingiro mu Igazeti ya Leta

Ingingo ya 8: Kwiandikisha
kw`impuzamasendika,
impuzamashyirahamwe n`ingaga

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry`ingingo
zinyuranyije n`iri teka

Ingingo ya 10: Igihe iri teka ritangira
gukurikizwa

MINISTERIAL ORDER N° 11 OF
07/09/2010 DETERMINING THE

MODALITIES AND REQUIREMENTS
FOR THE REGISTRATION OF TRADE
UNIONS OR EMPLOYERS'
PROFESSIONAL ORGANIZATIONS

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Modalities for registration

Article 3 : Requirements for the registration

Article 4: Contents of Statutes

Article 5: Time frame for the registration

Article 6: Non observation of the Statutes
modification

Article 7: Publication of Statutes in the
Official Gazette

Article 8: Registration of Unions,
Federations and Confederation

Article 9: Repealing provision

Article 10: Commencement

ARRETE MINISTERIEL N° 11 DU
07/09/2010 DETERMINANT LES
CONDITIONS ET MODALITES
D'ENREGISTREMENT DES
SYNDICATS ET DES ORGANISATIONS
PATRONALES

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet du présent arrêté

Article 2 : Modalités d'enregistrement

Article 3 : Conditions exigées pour
l'enregistrement

Article 4 : Contenu des statuts

Article 5 : Délai d'enregistrement

Article 6: Non observation des
modifications des statuts

Article 7 : Publication des statuts au
Journal Officiel

Article 8 : Enregistrement des centrales
syndicales, fédérations et confédérations

Article 9: Disposition abrogatoire

Article 10: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 11 RYO
KUWA 07/09/2010 RIGENA UBURYO
N'IBISABWA MU KWANDIKISHA
AMASENDIKA CYANGWA
AMASHYIRAHAMWE
Y'ABAKORESHA

Minisitiri w`Abakozi ba Leta n'Umurimo ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y`u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003,
nk.uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane
mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n.iya 201;

Ashingiye kw`Itegeko n° 13/2009 ryo ku wa
27/05/2009 rigena umurimo mu Rwanda
cyane cyane mu ngingo yaryo ya 102 ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 18/19 ryo
ku wa 27/06/2003 rigena uburyo bwo
kwandikisha amashyirahamwe y.abakozi
n.abakoresha;

Inama y.Abaminisitiri yateranye ku wa
09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza
;

ATEGETSE:

MINISTERIAL ORDER N° 11 OF
07/09/2010 DETERMINING THE
MODALITIES AND REQUIREMENTS
FOR THE REGISTRATION OF TRADE
UNIONS OR EMPLOYERS'

PROFESSIONAL ORGANIZATIONS

The Minister of Public service and Labour ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120,121 and 201;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour Law in Rwanda especially in its article 102 ;

Having reviewed the Ministerial Order n° 18/19 of 27/06/2003 determining the modalities of registering Trade Unions and Employers. Professional Organisations;

After consideration and approval by Cabinet in its session of 09/07/2010 ;

HEREBY ORDERS :

ARRETE MINISTERIEL N° 11 DU
07/09/2010 DETERMINANT LES
CONDITIONS ET MODALITES
D'ENREGISTREMENT DES
SYNDICATS ET DES ORGANISATIONS
PATRONALES

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 102 ;

Revu l'Arrêté ministériel n° 18/19 du 27/06/2003 déterminant les modalités d'enregistrement des organisations professionnelles de travailleurs et d'employeurs;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/07/2010 ;

ARRETE :

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamiye

Iri Teka rigena uburyo n. ibisabwa mu kwandikisha sendika cyangwa ishyirahamwe ry. Abakoresha.

Ingingo ya 2: Uburyo iyandikisha rikorwa

Amategeko shingiro agenga sendika iyo ariyo yose cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha ashakirizwa Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze n. abashinze sendika cyangwa ishyirahamwe ry`Abakoresha kugira ngo yandikwe.

Ingingo ya 3 : Ibisabwa mu kwiyandikisha

Sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha rigomba kubahiriza ibi bikurikira kugira ngo rwandikwe :

1. urwandiko rusaba rwandikiwe Minisitiri ufite umurimo mu shingano ze bikamenyeshwa Umuyobozi w`Akarere w`aho sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha ryifuza gukorera;

2. inyandiko-mvugo y`abanyamuryango bagize Inama Rusange bashinze

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities and conditions for the registration of a Trade Union or an Employers. Professional Organizations.

Article 2: Modalities for registration

Founding members of a Trade Union or of an Employers. Professional Organization shall submit Statutes governing it to the Minister in charge of Labour for its registration.

Article 3 : Requirements for registration

A Trade Union or an Employees. Professional Organization is required to fulfil the following requirements in order to be registered.

1. an application letter addressed to the Minister in charge of labour and copied to the Mayor of the District in which the Trade Union or Employers` Professional Organisation intends to operate ;

2. A statement of the Constituting Assembly of the Trade Union or of an

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités d'enregistrement des syndicats et des organisations patronales.

Article 2 : Modalités d'enregistrement

Les statuts de tout syndicat de travailleurs ou toute organisation patronale sont soumis au Ministre ayant le travail dans ses attributions par leurs membres fondateurs pour enregistrement.

Article 3 : Conditions exigées pour l'enregistrement

Les conditions ci-dessous sont exigées pour l'enregistrement d'un syndicat ou d'une organisation patronale :

1. une lettre de demande adressée au Ministre ayant le travail dans ses attributions avec copie au Maire du district où le syndicat ou l'organisation patronale compte exercer ses activités;

2. un procès verbal de l'Assemblée Générale ou de la réunion constitutive

sendika cyangwa ishirahamwe ry`abakoresha. Izi nyandikomvugo zigomba kuba zifite imikono y`abanyamuryango n.uwa noteri w`Akarere sendika cyangwa ishyirahamwe ry`Abakoresha bifitemo icyicaro.

3. Umubare w.abanyamuryango nibura makumyabiri (20) ku ishyirahamwe ry`abakozi n.icumi (10) ku mashyirahamwe y`abakoresha;

4. amategeko shingiro agenga sendika cyangwa ishyirahamwe ry`Abakoresha yanditse mu ndimi eshatu zikoreshwa mu butegetsi ariho umukono wa Noteri w`Akarere sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha bifitemo icyicaro;

5. inyandiko zigaragaza ko abayobozi ba sendika cyangwa ishyirahamwe batakatiwe igihano kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6).

Ingingo ya 4: Ibikubiye mu mategeko shingiro

Amategeko agenga sendika cyangwa

Employers. Professional Organisation. The Statement shall be signed by the members and the Public Notary of the District in which the Trade Union or Employers Professional Organisation

has its head office;

3. A minimum membership of twenty (20) members for a Trade Union and ten (10) members for an Employers' Professional Organization;

4. Statutes of a Trade Union or of an Employers' Professional Organisation written in three official languages bearing signature of a public notary of the District in which a Trade Union or an Employers' Professional Organisation has its head office;

5. Criminal clearance record of the representatives of a Trade Union or of an Employers' Professional Organisation, certifying that they have not been sentenced to an imprisonment of at least six (6) months.

Article 4: Contents of Statutes

Statutes of a Trade Union or of an Employers'

de l'organisation signé par les membres fondateurs et notariés dans le District dans lequel le syndicat ou l'organisation patronale a son siège ;

3. un effectif minimum de vingt (20) membres pour un syndicat et de dix (10) membres pour une organisation patronale ;

4. les statuts du syndicat ou de l'organisation patronale, rédigés dans les trois langues officielles et notariés par le notaire du District dans lequel le syndicat ou l'organisation patronale a son siège ;

5. les extraits du casier judiciaire des dirigeants du syndicat ou de l'organisation patronale, attestant qu'ils n'ont pas fait l'objet d'une peine d'emprisonnement pour une durée égale ou supérieure à six (6) mois.

Article 4 : Contenu des statuts

Les statuts d'un syndicat ou d'une organisation

ishyirahamwe ry`Abakoresha agomba kuba akubiyemo ibi bikurikira :

1. izina;
2. icyo rigamiye n.icyicaro cyaryo;
3. uburyo bwo kuryinjiramo no kurisohokamo;
4. uburyo bwo kwishyura imisanzu;

5. ibirebana n`ubufatanye cyangwa ubwifatanye n.andi masendika cyangwa andi mashyirahamwe cyangwa ingaga;
6. uburyo bwo gushyiraho abayobozi;

7. uburyo bwo gusesa sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha n.aho umutungo werekezwa.

Ingingo ya 5: Igihe kwiandikisha bimara

Nyuma yo kugezwaho amategeko shingiro, Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ayigaho mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) agatanga igisubizo byaba ngombwa agaha abahagarariye sendika cyangwa ishyirahamwe ry.Abakoresha inama ku byakosorwa mu nyandiko.

Iyo icyo gihe kirenze nta gisubizo gitanzwe, ababifitemo inyungu bashobora gushyikiriza ikibazo inzego zibifitiye ububasha.

Professional Organization shall include the following:

1. the name;

2. the objectives and its Head Office ;
3. admission and exit requirements ;

4. the method of payment of contributions;
5. the possible affiliation to Federations and Confederations;

6. the procedure of appointment of leaders;
7. dissolution modalities of a Trade Union or of an Employers. Organization and the distribution of property.

Article 5: Time frame for the registration

After reception of the statutes, the Minister in charge of labour shall consider them in a period not exceeding ninety (90) days and shall respond and if necessary provide written observations to the representatives of the Trade Union or of the Employers. Professional Organization.

In case such a period expires without a response, the interested parties may address their concern to the relevant authorities.

patronale doivent indiquer :

1. la dénomination;
2. l'objet et le siège social ;
3. les conditions d'admission et d'exclusion;
4. le mode de paiement des cotisations;

5. l'affiliation éventuelle à des centrales syndicales, fédérations ou confédérations;

6. la procédure de nomination des dirigeants;

7. les modalités de dissolution et l'affectation du patrimoine.

Article 5 : Délai d'enregistrement

Après le dépôt des statuts, le Ministre ayant le travail dans ses attributions en analyse le contenu dans les quatre vingt dix (90) jours y fait suite et , s'il y a lieu, formule à l'intention des responsables de l'organisation en quête d'enregistrement des observations écrites sur les corrections qu'il convient d'opérer.

Si le Ministre n'a pas répondu dans ce délai, les concernés peuvent saisir les autorités compétentes.

Ingingo ya 6: Ukutubahiriza ibyahinduwe mu mategeko shingiro

Iyo sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha ryanze cyangwa ridashoboye kubahiriza ibyo Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze yasabye guhindura mu mategeko shingiro arigenga uwo bibangamiye yitabaza inkiko zibifitiye ububasha zishobora:

1. gutegeka iryo shyirahamwe cyangwa sendika guhindura ayo mategeko shingiro; cyangwa;

2. gutegeka ko Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze asubira ku cyemezo yari yarafashe.

Ibihinduka mu mategeko shingiro n. ibihinduka mu miterere y. ubuyobozi bwa sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha na byo bikurikiza inzira zivugwa haruguru.

Ingingo ya 7: Gutangaza amategeko shingiro mu Igazeti ya Leta

Nyuma yo kugenzura ko amategeko shingiro agenga sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha yubahiriza ingingo z. iri teka n. andi mategeko, Minisitiri ufite umurimo mu

Article 6: Non observation of the statutes modification

If a Trade Union or an Employers.
Professional Organisation rejects or fails to
respect the observations made by the Minister
in charge of Labour regarding modifications of
the statutes, the concerned party may seize
competent courts which may order:

1. the Trade Union or the Employers.
Professional Organization to modify
the statutes or;

2. the Minister in charge of Labour to re-
visit his/her earlier decision.

Modifications to the Statutes and changes
made within the management of a Trade Union
or Employers. Professional Organization shall
also be subject to the same procedures as
mentioned above.

Article 7: Publication of Statutes in the
Official Gazette

After verification of the conformity of the
Trade Union or the Professional Employers
Organisation.s Statutes to the provisions of
this Order as well as to other laws, the Minister

Article 6: Non observation des
modifications des statuts

Si un syndicat ou une organisation patronale
refuse ou ne parvient pas à observer une
modification de statut demandée par le
Ministre, la partie intéressée peut saisir les
juridictions compétentes qui peuvent :

1. ordonner au syndicat ou à l'organisation patronale d'opérer ces modifications aux statuts;

2. ordonner au Ministre de reconsidérer sa décision.

Les modifications apportées aux statuts et les changements survenus dans la composition de la direction du syndicat ou de l'organisation patronale suivent les mêmes procédures que celles visées ci-dessus.

Article 7 : Publication des statuts au Journal Officiel

Après vérification de la conformité des statuts du syndicat ou de l'organisation patronale aux lois et au présent arrêté, le Ministre ayant le travail dans ses attributions doit transmettre,

nshingano ze agomba kugeza ayo mategeko ku nzego zishinzwe kuyatangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y.u Rwanda mu gihe kitarenze ukwezi (1) kumwe akabimenyesha mu nyandiko sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha bireba.

Amafanraga ajyanye n.iryongwa tangazwa yishyurwa na sendika cyagwa ishyirahamwe ry`abakoresha bireba.

Itangazwa ry.amategeko shingiro ya sendika cyangwa ishyirahamwe ry`abakoresha mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y.u Rwanda riyiha ubuzima gatozi.

Ingingo ya 8: Kwiyandikisha kw`impuzamasendika, impuzamashyirahamwe n`ingaga

Uburyo bukoresheho mu kwandikisha sendika n`amashyirahamwe y`abakoresha ni nabwo bukurikizwa mu kwandikisha impuzamasendika, impuzamashyirahamwe n`ingaga.

Amasendika cyangwa amashyirahamwe y.abakoresha asaba ubwibumbe agomba kuba afite ubuzima gatozi.

in charge of labour shall transmit, within a period not exceeding one month, such Statutes of a Trade Union or of an Employers` Professional Organization to the service in charge of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for publication.

The publication costs in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall be borne by the concerned trade Union or professional organization.

The publication of Statutes of a Trade Union or of a Professional Employers. Organization in the Official Gazette grants it legal personality.

Article 8: Registration of association of Trade Unions, Federations and Confederation

Modalities for registration of Trade Unions and Employers. Professional Organizations shall also apply for the registration of Association of Trade Unions, Federations and Confederations.

Trade Unions or Professional Employers` Organisation applying for union shall be obliged to have a legal personality.

dans un délai ne dépassant pas un mois, les statuts de la dite organisation aux services chargés de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Les frais de cette publication sont à la charge du syndicat ou de l'organisation patronale concernée.

La publication au Journal Officiel de la République du Rwanda des statuts d'un syndicat ou d'une organisation patronale lui confère la personnalité juridique.

Article 8 : Enregistrement des centrales syndicales, fédérations et confédérations

Les modalités prescrites pour l'enregistrement des syndicats et des organisations patronales s'appliquent également à l'enregistrement des unions, fédérations et confédérations.

Les syndicats ou organisations patronales adhérant aux centrales syndicales unions ou fédérations doivent avoir la personnalité juridique.

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Iteka rya Minisitiri n° 18/19 ryo ku wa
27/06/2003 rigena uburyo bwo kwandikisha
sendika n'amashyirahamwe y'abakozi
n'abakoresha hamwe n'ingingo zose
z'amateka abanziriza iri Teka kandi
zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 10: Igihe iri teka ritangira
gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu
ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika
y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 07/09/2010

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya
Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Article 9: Repealing provision

Ministerial Order n° 18/19 of 27/06/2003
regarding modalities for the registration of
Trade Unions and Employers` Professional
Organizations and all other previous legal
provisions contrary to this Order are hereby
repealed.

Article 10: Commencement

This Order shall come into force on the date of
its publication in the Official Gazette of the
Republic of Rwanda.

Kigali, on 07/09/2010

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minister of Public Service and Labour

Seen and sealed with the seal of the
Republic :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice /Attorney General

Article 9: Disposition abrogatoire

L'Arrêté ministériel n° 18/19 du 27/06/2003 déterminant les modalités d'enregistrement des organisations professionnelles de travailleurs et d'employeurs ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 10: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 07/09/2010

(sé)

MUREKEZI Anastase

Ministre de la Fonction Publique et du Travail,

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI
N°003/Minifom/2010 RYO KUWA 14/09/2010
RISHYIRAHU UBURYO BWO
KWEMERERWA KUGURA NO
KUGURISHA AMABUYE Y'AGACIRO MU
RWANDA

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamiye

Ingingo ya 2: Uruhushya rwo gufungura
ahacururizwa amabuye y.agaciro

Ingingo ya 3: Igisabwa mu kwemererwa kugura
no gucuruza amabuye y.agaciro

Ingingo ya 4: Ibikubiye muri dosiye isaba

Ingingo ya 5: Igihe kubona igisubizo bimara

UMUTWE WA II: GUKORERA
AHACURURIZWA AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 6: Ibisabwa mu kugura no gucuruza
amabuye y.agaciro

Ingingo ya 7: Raporo y.ibikorwa

Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo kugura no
gucuruza amabuye y.agaciro

Ingingo ya 9: icyemezo cy.aho ibicuruzwa

MINISTERIAL ORDER N°003/Minifom/2010
OF 14/09/2010 ON REQUIREMENTS FOR
GRANTING THE LICENCE FOR
PURCHASING AND SELLING MINERAL
SUBSTANCES IN RWANDA

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Licence to open a mineral trading post

Article 3: Requirement for being authorised to
purchase and sell minerals

Article 4: Content of application file

Article 5: Time for reply

CHAPTER II: RUNNING A MINERAL TRADING POST

Article 6: Requirements for purchase and sale of minerals

Article 7: Progress report

Article 8: Mineral purchase and sale authorisation

Article 9: Certificate of origin and delivery note

ARRETE MINISTERIEL
N°003/Minifom/2010 DU 14/09/2010
PORTANT CONDITIONS D'AGREMENT
POUR L'ACHAT ET VENTE DES
MINERAIS AU RWANDA

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Permis d'exploitation d'un comptoir de
vente de minerais

Article 3: Conditions pour l'obtention du Permis
d'achat et de vente des minerais

Article 4: Contenu du dossier de demande

Article 5: Délai de réponse

CHAPITRE II: EXPLOITATION D'UN
COMPTOIR DE VENTE DES MINERAIS

Article 6: Conditions d.achat et vente des
minerais

Article 7: Rapport d.activités

Article 8: Droit d.achat et de vente de minerais

Article 9: Certificat d.origine et bordereau

bituruka n.inyandiko igaragaza aho ibicuruzwa byoherejwe

Ingingo ya 10: Igihe uburenganzira bwo gucururiza ahantu amabuye y.agaciro bumara

Ingingo ya 11: Kongera uruhushya rw.ahacururizwa amabuye y.agaciro

Ingingo ya 12: Amafaranga atangwa ku ruhushya rw.ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y.agaciro

Ingingo ya 13: Kohereza mu mahanga amabuye y.agaciro

Ingingo ya 14: Ibikubiye muri dosiye yo kohereza mu mahanga amabuye y.agaciro

Ingingo ya 15: Guhakanira usaba uruhushya cyangwa kwanga kurwongera

Ingingo ya 16: Ibihano

Ingingo ya 17: Igihe cy.inzibacyuho

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry.ingingo zinyuranyije n.iri teka

Ingingo ya 19: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 10: Validity of a licence to run a mineral trading post

Article 11: Licence renewal for a mineral trading post

Article 12: Licence fees for mineral trading post

Article 13: Export of minerals

Article 14: Content of mineral export file

Article 15: Refusal of the application for a licence or its renewal

Article 16: Penalties

Article 17: Transitional period

Article 18: Repealing provision

Article 19: Commencement

d.expédition

Article 10: Validité du Permis d.exploitation d.un
comptoir de vente des minerais

Article 11: Renouvellement du permis
d.exploitation d.un comptoir de vente des
minerais

Article 12: Frais du Permis d.exploitation d.un
comptoir d.achat et vente des minerais

Article 13: Obligations des exploiters des
minerais

Article 14: Contenu du dossier d.exportation des
minerais

Article 15: Refus de la demande ou du renouvellement du permis

Article 16: Sanctions

Article 17: Période transitoire

Article 18: Disposition abrogatoire

Article 19: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI
N°003/Minifom/2010 RYO KUWA 14/09/2010
RISHYIRAHU UBURYO BWO
KWEMERERWA KUGURA NO
KUGURISHA AMABUYE Y'AGACIRO MU
RWANDA

Minisitiri w'Amashyamba na Mine;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y.u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk.uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 120, iya 121 n.iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa
11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw.amabuye
y.agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo
yaryo ya 96;

Inama y.Abaminisitiri yateranye kuwa
08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamiye

Iri teka rirshyiraho uburyo bwo kwemererwa

kugura no kugurisha amabuye y.agaciro mu

MINISTERIAL ORDER N°003/Minifom/2010
OF14/09/2010 ON REQUIREMENTS FOR
GRANTING THE LICENCE FOR
PURCHASING AND SELLING MINERAL
SUBSTANCES IN RWANDA

The Minister of Forestry and Mines;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on
mining and quarry exploitation, especially in
Article 96 ;

After consideration and approval by the Cabinet, in
its session of 08/06/2010;

HEREBY ORDERS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities for granting the licence for purchasing and selling mineral

ARRETE MINISTERIEL
N°003/Minifom/2010 DU 14/09/2010
PORTANT CONDITIONS D'AGREMENT
POUR L'ACHAT ET VENTE DES
MINERAIS AU RWANDA

Le Ministre des Forêts et Mines ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en son article 96 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010;

ARRETE :

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités
d.agrément pour l.achat et vente des minerais au

Rwanda.

Ingingo ya 2: Uruhushya rwo gufungura ahacururizwa amabuye y'agaciro

Uretse abafite uburenganzira bwo gucukura amabuye y.agaciro bemewe kandi byamenyeshejwe Minisitiri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo, umuntu cyangwa ishyirahamwe ryifuza kugura no gucuruza amabuye y.agaciro agomba kwandikira Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze, amusaba uruhushya rwo gufungura ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y.agaciro, akanasobanura ubwoko bw.amabuye y.agaciro azacuruza.

Ingingo ya 3: Igisabwa mu kwemererwa kugura no gucuruza amabuye y'agaciro

Nta muntu ushobora kugira uruhushya rwo kugura no kugurisha amabuye y.agaciro mu gihe atanditse mu bitabo by.ubucuruzi.

Ingingo ya 4: Ibikubiye muri dosiye isaba

Dosiye isaba gufungura ahacururizwa amabuye y.agaciro igomba kuba irimo ibi bikurikira:

1° ku bantu ku giti cyabo:

a) ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze yohereza inyandiko yuzuzwa yabigenewe ikubiyemo ibi bikurikira:

substances in Rwanda.

Article 2: Licence to open a mineral trading post

Except for holders of an official mining licence a copy of which is held by the Ministry of commerce, any individual or entity wishing to deal in minerals shall apply to the Minister in charge of commerce for a licence to open a mineral trading post, specifying types of minerals he intends to sell.

Article 3: Requirement for being authorised to purchase and sell minerals

No licence for the sale of minerals shall be issued to any person not registered in the trade register.

Article 4: Content of application file

An application file for opening a mineral trading post shall comprise the following items:

1° for individuals:

a) application letter addressed to the Minister in charge of commerce, submitting an ad hoc form comprising of the following details:

Rwanda.

Article 2: Permis d'exploitation d'un comptoir de vente de minerais

Exception faite aux titulaires de titres miniers agréés et dont le Ministre ayant le commerce dans ses attributions est dûment informé, toute personne physique ou morale désirant exercer l'activité d'achat et de vente des minerais ou des pierres précieuses doit adresser au Ministre ayant le commerce dans ses attributions, une demande d'autorisation d'ouverture d'un comptoir d'achat et de vente de minerais, spécifiant les types de minerais ou de pierres précieuses qui l'intéresse.

Article 3: Condition pour l'obtention du permis d'achat et de vente des minerais

Nul ne peut obtenir le permis d'acheter et vendre les minerais, s'il n'est pas enregistré au registre de commerce.

Article 4: Contenu du dossier de demande

Le dossier de demande d'ouverture d'un comptoir de vente de minerais doit comprendre les pièces suivantes:

1° pour les personnes physiques:

a) une lettre de demande adressée au
Ministre ayant le commerce dans ses
attributions transmettant le formulaire ad
hoc contenant les éléments suivants:

- i. itariki yasabiyeho;
- ii. amazina y.usaba;
- iii. Agasandu k. iposita ke;
- iv. nomero ya telefone ye ;
- v. e-mail ye ;
- vi. icyicaro cye ;
- vii. umukono na kashe bye.

b) kopi y. indangamuntu ku banyagihugu
cyangwa iya pasiporo ku banyamahanga ;

- c) icyemezo cy. uko nta mwenda w. imisoro arimo ;
- d) kugira kuri konti nibura amafaranga y. u Rwanda miliyoni icumi (10,000,000 Frws) y. ifatizo agaragazwa n. inyandiko ya banki ;

e) kopi y. inyandiko igaragaza ko yiyandikishije mu gitabo cy. ubucuruzi, ku banyamahanga. Iyo nyandiko iherekezwa na viza yo kuba mu Rwanda.

2° ku mashyirahamwe:

Ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze yohereza inyandiko yuzuzwa ikubiyemo ibi bikurikira:

a) itariki yasabiyeho;

b) izina ry. ishyirahamwe;

c) agasanduku k. iposita karyo;

- i. date of application ;
- ii. applicant.s names;
- iii. his/her postal address;
- iv. his/her phone number;
- v. his/her e-mail address;
- vi. his/her head office;
- vii. his/her signature and stamp.

b) a copy of national identity card for nationals or the passport for foreigners;

c) tax clearance certificate;

d) at least ten million Rwandan Francs

(Rwf 10,000,000) initial capital certified by the bank notice;

e) a copy of Trade Registry, for foreigners. That copy shall be accompanied with a residence visa.

2° for legal entities:

Application letter addressed to the Minister in charge of commerce, submitting a form comprising the following details:

a) date of application ;

b) company.s name ;

c) company.s postal address ;

i. la date de demande ;
ii. les noms du demandeur ;
iii. son adresse postale ;
iv. son numéro de téléphone;
v. son e-mail;
vi. son siège ;
vii. sa signature et son cachet.

b) une copie de la carte d'identité pour les nationaux ou du passeport pour les étrangers ;

c) une attestation de non créance fiscale;

d) un capital initial d'au moins dix millions de francs rwandais (10.000.000 Frw) attesté par un extrait bancaire ;

e) une copie du Registre de Commerce, pour les étrangers. Cette copie est accompagnée d'un visa de séjour.

2° pour les personnes morales:

Une lettre de demande adressée au Ministre ayant le commerce dans ses attributions transmettant le formulaire contenant les éléments suivants:

a) la date de demande ;

b) le nom de la société ;

c) son adresse postale ;

d) nomero ya telefone yaryo ;

e) e-mail yaryo ;

f) icyicaro cyaryo ;

g) umukono w.urihagarariye wemewe
n.amategeko na kashe yaryo ;

h) amategeko shingiro y.ishyirahamwe ariho
umukono wa Noteri;

i) ku makoperative, icyemezo cyo
kwiandikisha cyatanzwe n.Ikigo Nyarwanda
cy.Amakoperative;

j) kugira kuri konti nibura miliyoni
makumyabiri z.amafaranga y.u Rwanda
(20,000,000 Frws) y.ifatizo agaragazwa
n.inyandiko ya banki.

Ingingo ya 5: Igihe kubona igisubizo bimara

Usaba wujuje ibisabwa agomba kubona uruhushya
mu gihe cy.iminsi mirongo itatu (30) ikurikira
itariki yarusabiyeho. Iyo icyo gihe kirenze nta
gisubizo, bifatwa nk.aho urwo ruhushya rutanzwe.

d) company.s phone number ;

e) company.s e-mail address ;

f) company.s head office ;

g) legal representative.s signature and the stamp of the company;

h) company.s certified Articles of association;

i) for cooperatives, a registration certificate issued by Rwanda Cooperatives Agency;

j) at least twenty million Rwandan Francs (RWF 20,000,000) initial capitals certified by the bank statement.

Article 5: Time for reply

Any eligible applicant shall receive authorization within thirty (30) days from the date of submission of the application. If that period exceeds without any response, the licence shall be presumed granted.

d) son numéro de téléphone ;

e) son e-mail ;

f) son siège social ;

g) la signature du représentant légal et le cachet de la société ;

h) des statuts notariés de la société ;

i) pour les coopératives, un certificat d'enregistrement délivré par l'Agence Rwandaise des Coopératives ;

j) un capital initial d'au moins vingt millions de francs rwandais (20.000.000 Frws) attesté par un extrait bancaire.

Article 5: Délai de réponse

Le demandeur qui remplit les conditions exigées doit recevoir le permis endéans trente (30) jours suivant le dépôt de sa demande. Dépassé ce délai sans réponse, le permis est réputé accordé.

UMUTWE WA II: GUKORERA
AHACURURIZWA AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 6: Ibisabwa mu kugura no gucuruza
amabuye y'agaciro

Ahagurirwa n.ahacururizwa amabuye y.agaciro
hagomba kuba hujuje ibi bikurikira:

1° kugira inzu yubatswe mu bikoresho bikomeye
ishobora kuba ububiko;

2° kugira ibikoresho byujuje ibisabwa mu
gupima no mu mitunganyirize ku buryo
bw.umwuga, bw.ubutabire
n.ubunyabugenge bw.amabuye y.agaciro
byemewe n.ikigo gifite ubuziranenge mu
nshingano zacyo;

3° kugaragaza ibiciro byemewe ahagurirwa
cyangwa/n.ahacururizwa amabuye
y.agaciro;

4° koherereza raporo z.ukwezi Minisitiri ufite
ubucuruzi mu nshingano ze na Minisitiri
ufite mine na kariyeri mu nshingano ze;

5° kwemerera abakozi babifitiye ububasha
kugera ahari inyandiko n.ibikoresho;

6° gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga mu nzira zemewe n.amategeko.

CHAPTER II: RUNNING A MINERAL TRADING POST

Article 6: Requirements for purchase and sale of minerals

A mineral trading post shall comply with the following:

1° to have buildings in durable materials for storage;

2° to have equipment and facilities meeting standards for professional, physical and chemical measuring and handling of minerals, approved by the bureau in charge of standards;

3° to stick up prices in force on every purchase and/or sale post;

4° to submit monthly reports to Minister in charge of commerce and Minister in charge of mines and quarries ;

5° to allow duly mandated staff to have access to the documents and facilities;

6° to import and export in accordance with legal procedures.

CHAPITRE II: EXPLOITATION D'UN COMPTOIR DE VENTE DES MINERAIS

Article 6: Conditions d'achat et vente des minerais

Un comptoir d.achat et vente de minerais doit remplir les conditions suivantes :

1° disposer des locaux en matériaux durables, suffisants pour le stockage;

2° disposer des installations et des équipements qui respectent les normes de pèse et traitements chimiques et physiques des minerais acceptés par l.institution ayant la normalisation dans ses attributions;

3° afficher les prix en vigueur à tout poste d.achat et/ou de vente;

4° transmettre des rapports mensuels au
Ministre ayant le commerce dans ses
attributions et au Ministre ayant les mines et
carrières dans ses attributions;

5° permettre au personnel dûment mandaté
d'accéder aux documents et aux
installations;

6° importer et exporter par les voies légales.

Inzu zicururizwamo amabuye y.agaciro
ntizigomba kuba zubatse mu birombe bya mine
cyangwa mu mbago za mine z.abandi bantu.

Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze atanga
icyemezo kigaragaza ko ahacururizwa amabuye
y.agaciro hujuje ibyangombwa.

Ingingo ya 7: Raporo y'ibikorwa

Ukora ibijyanye na mine wemewe n.ufite
ahagurirwa, hakanacururizwa amabuye y.agaciro
hemewe bagomba gutanga raporo z.ukwezi
zikubiyemo ibi bikurikira:

1° ibiro, ubudakemwa n.agaciro k.amabuye
y.agaciro yatunganyijwe, yaguzwe
akanacuruzwa;
2° aho abamugemurira babarizwa, aho agurira
cyangwa agurishiriza amabuye y.agaciro ye;
3° ingorane ahura na zo no gutanga ibitekerezo
by.uko zakemurwa.

Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo kugura no
gucuruza amabuye y'agaciro

Abafite uburenganzira bwo kugura no kugurisha
amabuye y.agaciro, ni abantu bikorera cyangwa
amashyirahamwe bafite uruhushya rwo gucukura
mine na kariyeri, bafite ahantu hemewe hagurirwa
kandi hakanagurishirizwa amabuye y.agaciro, ni
abantu kandi batumiza cyangwa bohereza mu
mahanga bafite uruhushya rwabigenewe, bahawe
na Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze

Mineral purchase and sale posts should not be built
within other people.s mines or mining concessions.

The Minister in charge of commerce shall grant a certificate certifying that the mineral trading post meets the requirements.

Article 7: Progress report

Each registered mining exploiter and holder of a mineral trading post shall submit monthly reports including the following details:

1° weight, quality and value of the minerals processed, purchased and sold;

2° addresses of suppliers and consignees of his mineral purchases and sales;

3° challenges and provide proposals of solution to address them.

Article 8: Mineral purchase and sale authorisation

Any individual or legal entity holder who is authorised to purchase and sell minerals is one with approved extraction licence and mineral trading post; an importer or exporter holder of an appropriate licence, issued by the Minister in charge of commerce; and any other person who has a mineral processing and transformation unit approved by the Minister in charge of industry.

Les comptoirs d'achat et vente des minerais ne doivent pas être construits à l'intérieur des mines ou concessions minières d'autrui.

Le Ministre ayant le commerce dans ses attributions accorde un certificat attestant que le comptoir d.achat et vente des minerais remplit les conditions exigées.

Article 7: Rapport d'activités

Tout exploitant minier et détenteur d.un comptoir d.achat et de vente de minerais agréés sont tenus de déposer des rapports mensuels contenant les éléments suivants:

1° le poids, la qualité et la valeur des minerais traités, achetés et vendus;

2° l.adresse des fournisseurs et des destinataires des achats et ventes de ses minerais;

3° les difficultés rencontrées et donner les propositions de solution.

Article 8: Droit d'achat et de vente de minerais

Ont le droit d.acheter et de vendre les minerais, toute personne physique ou morale qui a un permis d.exploitation minière, un comptoir d.achat et de vente, agréé, un importateur ou exportateur qui a une autorisation ad hoc, lui attribuée par le Ministre ayant le commerce dans ses attributions et toute personne qui dispose d.une unité de traitement et de transformation des

n.undi muntu wese ufite ahatunganyirizwa hakanahindurirwa amabuye y.agaciro hemewe na Minisitiri ufite inganda mu nshingano ze.

Ingingo ya 9: icyemezo cy'aho ibicuruzwa bituruka n'inyandiko igaragaza aho ibicuruzwa byoherejwe

Amabuye y.agaciro yose agomba guherekezwa n.icyemezo cy.aho aturuka ndetse n.inyandiko igaragaza aho yoherejwe.

Ingingo ya 10: Igihe uburenganzira bwo gucururiza ahantu amabuye y'agaciro bumara

Uruhushya rwo kugura no gucuruza amabuye y.agaciro mu nzu yabigenewe rumara imyaka itatu (3) ishobora kongererwa igihe. Kubaka ahakorerwa iyo mirimo hagomba kuba harangiye mu mezi atandatu (6) nyuma yo guhabwa uruhushya, bitagenda uko urwo ruhushya rukaba rwakwamburwa.

Ingingo ya 11: Kongera uruhushya rw'ahacururizwa amabuye y'agaciro

Gusaba kongererwa uruhushya rw.ahacururizwa amabuye y.agaciro bikorwa kimwe no mu buryo bwo gusaba gutangira kandi bikorwa mu minsi mirongo itatu (30) mbere y.uko uruhushya rurangira.

Article 9: Certificate of origin and delivery note

Minerals shall be accompanied by a certificate of origin and a delivery note.

Article 10: Validity of a licence to run a mineral trading post

The licence to run a mineral trading post shall be valid for three (3) years renewable. The construction of a mineral trading post must be completed within six (6) months as of the date of issue of the licence. Failure to do so may result in the forfeiture of the license.

Article 11: Licence renewal for a mineral trading post

The application for licence renewal of mineral trading post shall follow the same procedures as the application for a licence, and shall be done within thirty (30) days before its expiry date.

minerais reconnue par le Ministre ayant l'industrie dans ses attributions.

Article 9: Certificat d'origine et bordereau d'expédition

Tout produit minier doit être accompagné d'un certificat d'origine et d'un bordereau d'expédition.

Article 10: Validité du permis d'exploitation d'un comptoir de vente des minerais

Le permis d'exploitation d'un comptoir d'achat et de vente de minerais a une validité de trois (3) ans renouvelables. L'installation du comptoir doit être terminée six (6) mois après l'obtention de l'autorisation, faute de quoi cette dernière peut être retirée.

Article 11: Renouvellement du permis d'exploitation d'un comptoir de vente des minerais

La demande de renouvellement du permis d'exploitation d'un comptoir de vente des minerais se fait dans les mêmes conditions et formes que la demande du permis d'exploitation d'un comptoir de vente des minerais et ce endéans trente (30) jours avant son délai d'expiration.

Ingingo ya 12: Amafaranga atangwa ku ruhushya rw'ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y'agaciro

Gutanga uruhushya rwo gufungura ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y.agaciro bisaba kwishyura mbere amafaranga y.u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 Frws) adasubizwa.

Ingingo ya 13: Ibyubahirizwa n'abohera mu mahanga amabuye y'agaciro

Abohera amabuye y.agaciro mu mahanga bagomba kubahiriza serivisi za Gasutamo zemewe no gukurikiza amategeko abigenga.

Ingingo ya 14: Ibikubiye muri dosiye yo kohera mu mahanga amabuye y'agaciro

Uwohera amabuye y.agaciro mu mahanga agomba gutegura dosiye yuzuye igizwe n.ibi bikurikira:

1° inyemezabuguzi y.ibanze igaragaza neza aho uwohererezwa amabuye y.agaciro abarizwa ;

2° ibiro by.ibyoherejwe mu mahanga ;

3° ubuziranenge bw.ibyoherejwe mu mahanga;

4° icyemezo cy.aho bituruka cyerekana inzira
zose amabuye y.agaciro yanyuzemo
ziteganywa n.amategeko n.amasererano

Article 12: Licence fees for mineral trading post

The licence to open a mineral trading as above post
is granted upon payment of a non refundable fee of
three hundred thousand Rwandan francs (Rwf
300,000).

Article 13: Obligations for exporters of minerals

The exporters of minerals must go through official
custom services and shall comply with relevant
Laws.

Article 14: Content of mineral export file

Every mineral exporter must make a complete file
including the following items:

1° a pro forma invoice bearing the consignee.s
full address;

2° weight of exported items;

3° quality certification of the items exported;

4° certificate of origin; shall be in line with the mineral source tracing systems which are in conformity with both national law and

Article 12: Frais de permis d'exploitation d'un comptoir d'achat et vente des minerais

L'octroi du permis d'ouvrir un comptoir d'achat et de vente est subordonné au paiement préalable de trois cents mille francs rwandais (300.000 Frws) non remboursables.

Article 13: Obligations des exploitants des minerais

Les exportateurs des minerais sont tenus de respecter les services douaniers officiels et de se conformer aux lois en la matière.

Article 14: Contenu du dossier d'exportation des minerais

Tout exportateur des minerais doit constituer un dossier complet comprenant les pièces suivantes:

1° une facture pro forma comportant l'adresse complète du destinataire ;

2° le poids des produits exportés ;

3° certification de la qualité du produit exporté ;

4° certificat d'origine dont les documents doivent montrer le circuit des transactions en application des lois et conventions

mpuzamahanga yemewe na Repubulika y.u
Rwanda;

5° agaciro k.ibyoherejwe mu mahanga.

Ingingo ya 15: Guhakanira usaba uruhushya
cyangwa kwanga kurwongera

Iyo hatubahirijwe ibiteganywa n.iri teka,
Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze afite
ububasha bwo guhakanira usaba uruhushya
cyangwa kwanga kurwongera.

Uko byagenda kose, Minisitiri ufite ubucuruzi mu
nshingano ze yandikira usaba amusobanurira
icyemezo yafashe.

Ingingo ya 16: Ibihano

Umuntu wese utubahiriza ibiteganywa n.iri teka
ahanwa hakurikijwe amategeko agenga ubucuruzi
n.inganda.

Ingingo ya 17: Igihe cy'inziacyuho

Ufite ahagurirwa hakanagurishirizwa amabuye
y.agaciro ahawe igihe cy.amezi atandatu (6)
uhereye ku munsu iri teka ritangarijwe mu Igazeti
ya Leta ya Repubulika y.u Rwanda, kugira ngo
yubahirize ingingo z.iri teka.

international conventions ratified by the
Republic of Rwanda,

5° value of the exported items.

Article 15: Refusal of the application for a
licence or its renewal

In the case of failure to respect the provisions of
this Order, the Minister in charge of commerce
may refuse the application for a licence or its
renewal.

The Minister responsible for commerce shall, by
all means, write to the applicant explaining his
decision.

Article 16: Penalties

Any person who shall contravene this Order shall
be liable to penalties in accordance with the Laws
governing commerce and industry.

Article 17: Transitional period

Any holder of a mineral trading post shall have a
period of six (6) months to be in conformity with
the provisions of this Order as of the date of its
publication in the Official Gazette of the Republic

of Rwanda.

internationales ratifiées par la République du Rwanda,

5° valeur des produits exportés.

Article 15: Refus de la demande ou du renouvellement du permis

Au cas de non respect des obligations prescrites dans le présent arrêté, le Ministre ayant le commerce dans ses attributions se réserve le droit de refuser la demande du permis, ou d'en refuser le renouvellement.

En tout état de cause, le Ministre ayant le commerce dans ses attributions adresse une lettre à l'intéressé justifiant la décision prise.

Article 16: Sanctions

Tout contrevenant aux dispositions du présent arrêté est puni conformément aux lois régissant le commerce et l'industrie.

Article 17: Période transitoire

Le titulaire d'un comptoir d'achat et de vente de minerais dispose d'une période de six (6) mois à compter de la date de publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions du dudit arrêté.

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo
